Kamashara Costasie

Umurenge wa Cyanika

Akarere ka Burera

ID No: 1 1945 7 0014942  1 51

Tel: 0794 066 859

Cyanika, kuwa 26/08/2024

Madame  Umuyobozi w'ikigo cy'igihugu gishinzwe ubutaka, Kigali

Impamvu: Kubaza impamvu natswe uburenganzira ku butaka bwanjye

Madame Umuyobozi Mukuru,

Mpereye ku ngingo ya 34 ku bijyanye n'uburenganzira ku mutungo bwite n'iya 35 ku bijyanye n'uburenganzira ku mutungo bwite w'ubutaka zo mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y' U Rwanda;

Mbandikiye iyi baruwa ngo mbabaze impamvu nambuwe ubu burenganzira buvuzwe haruguru kuko kuri ubu ntabwo nemerewe kugira icyo nkora kuri ubu butaka nk'uko bigaragara ku rupapuro mboherereje rwakuwe muri programme y'ikigo muyobora;

Mboneyeho kubabwira Madame Muyobozi mukuru, ko nta kibazo na kimwe nkurikiranyweho mu butabera ku buryo haba harabayeho ishinganisha (surety of property), ifatira (seizure), ndetse nta n'amakimbirane nzi yaba ari kuri ubu butaka, ibyatuma ubuyobozi burimo ubw'akarere bwanyaka uburenganzira nemererwa n'amategeko ku bijyanye n'imicungire y'ubu butaka.

Ngitegereje igisubizo cyanyu, mbaye mbashimiye Madame Muyobozi Mukuru uko muzakira ikibazo cyanjye.

Kamashara Costasie

Bimenyeshejwe

Ministre w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Kigali

Umuyobozi w'Akarere ka Burera, Burera